

Ibintu 6 ugomba kumenya ku bijyanye n'imitsindire y'abanyeshuri

Imitsindire y'abanyeshuri ni iki?

Imitsindire y'abanyeshuri igaragazwa n'umubare w'abanyeshuri bagize amanota runaka kuri 3 cyangwa 4 (angana cyangwa arenze ayo basabwa na leta) mu Kizami cya Leta ya Maine (MEA).

Kuki imitsindire y'abanyeshuri ari ingenzi?

Intego ya Maine ni uko abanyeshuri barangiza amashuri yisumbuye biteguye kuba bahita batangira akazi. Imitsindire y'abanyeshuri kandi ni inkingi ikomeye igenderwaho muri sisitemu ya leta y'isuzuma ry'imihigo y'ibigo.

Kuki Leta ya Maine ikurikirana imitsindire y'abanyeshuri?

Itegeko ry'Amerika Rigamije Kunoza Imyigire ya buri Munyeshuri (ESSA) risaba ko buri leta igira sisitemu y'isuzuma ry'imihigo y'ibigo inagaragaza imitsindire y'abanyeshuri nka kimwe mu bimenyetso by'imyitwarire n'imitsindire by'amashuri.

Intego ya Leta ya Maine mu bijyanye n'imitsindire ni iyihe?

Ahari abanyeshuri barenze icumi, buri munyeshuri afite intego yo kuba yongereye amanota 20% ku yo asanzwe agira bitarenze 2030.

Amakuru aturuka he?

Imitsindire y'abanyeshuri igaragazwa n'amanota bagize mu Kizami cya Leta ya Maine (MEA). Kuva mu mwaka wa gatatu kugeza mu wa munani, aya makuru ava mu Kizami cya eMPowerME k'imibare ndetse n'Ikizami cy'Ururimi rw'Icyongereza n'Ubuvanganzo (ELA) naho Ikizami cya SAT kigatanga amakuru ku banyeshuri bari mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye.

Imitsindire igaragazwa ite ku ndangamanota y'ishuri?

Ishuri rihabwa amanota y'Ikizami cy'Ururimi rw'Icyongereza n'Ubuvanganzo (ELA) n'ikizami k'imibare bitewe n'imitsindire ya buri munyeshuri ugereranyije n'amanota asabwa na leta.